National Bank of Rwanda
Banki Nkuru y'u Rwanda

KN 6 Av.4/P.O. Box 531 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 788199000 /
Website: www.bnr.rw /
E-mail: info@bnr.rw /
Swiftcode: BNRWRWRW /
Twitter: @CentralBankRw

*The Governor*

# ITANGAZO RY'IBYEMEZO BY'INAMA YA KOMITE ISHINZWE POLITIKI Y'IFARANGA MURI BANKI NKURU Y'U RWANDA

Banki Nkuru y'u Rwanda yagumishije igipimo cy'inyungu fatizo yayo kuri 7.5%

Ku wa 21 Gashyantare 2024, komite ishinzwe politiki y'ifaranga yarateranye kugira ngo ifate umwanzuro ku gipimo cy'inyungu fatizo Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) izagenderaho mu mezi atatu ari imbere.

Nk'uko byari byagaragajwe n'iteganyamibare mu nama ya komite ishinzwe politiki y'ifaranga yateranye mu Ugushyingo 2023, umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro waragabunutse usubira mu mbago BNR igenderaho mu Ukuboza 2023. Ibi byatewe n'umusaruro mwiza w'ubuhinzi, izamurwa ry'igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR hamwe n'ingamba zashyizweho na Guverinoma hagamijwe gukumira umuvuduko ukabije w'izamuka ry'ibiciro. Byongeye kandi, habayeho n'igabanuka ry'ibiciro by'ibicuruzwa fatizo ku isoko mpuzamahanga.

Muri uyu mwaka wa 2024, byitezwe ko umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro uzaguma mu mbago BNR igenderaho hagati ya 2 na 8 ku ijana, ukaba hafi ya 5 ku ijana mu buryo bw'impuzandengo. Ariko kandi hari inzitizi nyinshi zishobora gutuma iri teganyamibare ritagerwaho, harimo amakimbirane yo mu rwego rwa politiki nk'intambara yo muri Ukraine no mu Burasirazuba bwo hagati hamwe n'imbogamizi ku rujya n'uruza rw'ibicuruzwa binyura mu nyanja itukura bishobora kugira ingaruka ku biciro by'ibicuruzwa fatizo ku isoko mpuzamahanga, ndetse n'ibibazo bishobora guterwa n'ihindagurika ry'ikirere bigahungabanya umusaruro w'ubuhinzi.

Ishingiye ku iteganyamibare ku muvuduko w'izamuka ry'ibiciro, hagendewe no ku mbogamizi zavuzwe haruguru, mu rwego rwo kugumisha umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ku kigero kiboneye mu buryo burambye, Komite ishinzwe politiki y'ifaranga yahisemo kugumisha igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR kuri 7.5 ku ijana.

## Byitezwe ko umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro utazahinduka cyane muri uyu mwaka wa 2024

Kuva mu ntangiriro z'umwaka wa 2023, umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro wakomeje kugabanuka uva kuri 20.7 ku ijana muri Mutarama 2023, ugera kuri 6.4 ku ijana mu Ukuboza 2023 na 5 ku ijana muri Mutarama 2024. Iri gabanuka ryagaragaye mu byiciro byose bigize igipimo rusange cy'ibiciro. Igabanuka ryagaragaye mu biciro by'ibicuruzwa hatabariwemo iby'ibiribwa byangirika vuba n'iby'ibikomoka ku ngufu, ryaturutse ku igabanuka ry'ibiciro bya bimwe mu by'ingenzi bitumizwa mu mahanga. Byongeye, ibiciro by'ibikomoka ku buhinzi byagabanutse bitewe n'umusaruro wabyo wiyongereye. Ibiciro by'ibikomoka ku ngufu na byo byaragabanutse bitewe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibicanwa mu byimbo byombi (ibisukika n'ibikomeye). Ibiciro by'inkwi n'amakara byagabanuwe

n'ikirere cyabaye cyiza ku batwitsi b'amakara, hamwe n'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli byagabanutse ku isoko mpuzamahanga.

Mu mwaka wa 2024, hitezweko umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro uzaguma mu mbago BNR igenderaho, hafi ya 5 ku ijana. Ibi bikazaturuka ku musaruro mwiza w'igihembwe cy'ihinga 2024 A, isubira mu buryo ryitezwe ku musaruro w'ubuhinzi, ingamba za politiki y'ifaranga hamwe n'ingamba za Goverinoma zigamije kugabanya umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ndetse n'igabanuka ry'ibiciro bya bimwe mu bicuruzwa fatizo ku isoko mpuzamahanga.

Ariko, iri teganyamibare rishobora guhura n'inzitizi zitandukanye zirimo, imihindagurikire y'ikirere ishobora guhungabanya umusaruro w'ubuhinzi bityo bikagira ingaruka ku biciro by'ibiribwa. Byongeye kandi ibibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwo hagati n'ihungabana mu ruhererekane rw'ibicuruzwa na serivisi binyura mu nyanja itukura, bishobora gutuma ibiciro by'ibiribwa n'iby'ibikomoka ku ngufu bizamuka, mu gihe ingaruka z'intambara yo muri Ukraine zigihari.

**Ubukungu bw'u Rwanda bukomeje kwitwara neza**

Byitezwe ko umusaruro mbumbe w'imbere mu Gihugu uzakomeza kwiyongera ku kigero cyo hejuru mu gihembwe cya nyuma cy'umwaka 2023, nk'uko byagenze mu bihembwe bitatu bya mbere aho umusaruro wazamutse ku mpuzandengo ya 7.6 ku ijana. Ibipimo by'ubukungu biboneka ku buryo bwihuse bigaragazako ubukungu bwazamutse ku kigero cya 7.2 ku ijana mu gihembwe cya kane 2023. Byitezwe ko ubukungu buzazamuka ku kigero kiri hejuru y'iteganyamibare riheruka rya 6.2 ku ijana, bitewe ahanini n'umusaruro mwiza w'urwego rw'ubucuruzi, ubukerarugendo, itumanaho hamwe n'uw'ubwubatsi.

**Icyuho mu buhahirane n'amahanga cyariyongereye**

Mu gihembwe cya kane cy'umwaka wa 2023, agaciro k'ibyoherezwa mu mahanga kagabanutseho 8.7 ku ijana, bitewe n'igabanuka ry'ibiciro ku isoko mpuzamahanga n'ingaruka z'ihindagurika ry'ikirere ku musaruro w'ikawa n'icyayi. Ku rundi ruhande, ibitumizwa mu mahanga byagabanutseho 0.2 ku ijana, biturutse ku igabanuka ry'ibikomoka ku ngufu nka peteroli, ibicuruzwa nkenerwa mu nganda n'ibikoresho biramba. Bityo, icyuho hagati y'ibyoherezwa n'ibitumizwa mu mahanga cyiyongereyeho 5.4 ku ijana, mu gihembwe cya nyuma cy'umwaka.
Mu gihe cy'umwaka wose wa 2023, icyuho hagati y'ibyoherezwa n'ibitumizwa mu mahanga cyiyongereyeho 10 ku ijana kubera ibitumizwa mu mahanga byazamutseho 6.8 ku ijana, mu gihe ibyoherezwayo byazamutseho 1.7 ku ijana gusa. Umusaruro wavuye muri serivisi z'ubukerarugendo n'amadovizi yoherezwa n'abanyarwanda baba mu mahanga byatumye icyuho hagati y'ibijya n'ibiva mu mahanga kitazamuka cyane.

Ku isoko ry'ivunjisha, agaciro k'ifaranga karagabanutse bitewe n'ukwaguka kw'icyuho hagati y'ibyoherezwa n'ibitumizwa mu mahanga, no kwiyongera kw'agaciro k'idolari ry'Amerika ku mpamvu z'izamuka ry'igipimo cy'inyungu fatizo ya Banki Nkuru ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Umwaka wa 2023 warangiye, agaciro k'ifaranga kagabanutseho 18.05 ku ijana ugereranyije n'idolari

ry'Amerika. N'ubwo bimeze gutyo, mu mpera z'Ukuboza 2023, u Rwanda rwari rufite ubwizigame mu madovizi buhagije bwafasha mu gutumiza hanze ibicuruzwa na serivisi mu gihe cy'amezi 4.4.

**Inyungu ku isoko ry'imari, uretse izo ku nguzanyo, zarazamutse zikurikiye igipimo cy'inyngu fatizo ya BNR**

Mu buryo bw'impuzandengo, inyungu banki z'ubucuruzi zigurizanyaho yarazamutse igera kuri 8.25 ku ijana mu gihembwe cya kane 2023, ivuye kuri 6.84 ku ijana mu gihembwe cya kane 2022, bijyanye n'izamuka ry'igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR. Byongeye kandi, inyungu ku mpapuro mpeshamwenda za Leta n'inyungu ku mafaranga abitswa mu mabanki zarazamutse. Ariko inyungu ku nguzanyo zitangwa na banki z'ubucuruzi yaragabanutse igera kuri 15.78 ku ijana mu gihembwe cya kane 2023, ivuye kuri 16.54 ku ijana mu gihembwe cya kane 2022. Iri gabanuka ryatewe ahanini n'inguzanyo nini z'igihe gito zahawe ibigo by'ubucuruzi ku nyungu ntoya.

**Umwanzuro wa Komite Ishinzwe Politiki y'Ifaranga**

Hashingiwe ku iteganyamibare ku izamuka ry'ibiciro n'imbogamizi zagaragajwe, Komite Ishinzwe Politiki y'Ifaranga yagumishije inyungu fatizo ya BNR kuri 7.5 ku ijana. Komite ya Politiki y'ifaranga yiyemeje gukora ibishoboka ngo izamuka ry'ibiciro rigume mu mbago ngenderwaho hagati ya 2 na 8 ku ijana no gukurikiranira hafi uko ubukungu bwifashe. Bigenze nkuko iteganyamibare ribigaragaza mu bihembwe biri imbere, Komite yatangira kugabanya igipimo cy'inyungu fatizo ya Banki Nkuru y'u Rwanda.

**Kigali, Ku wa 22 Gashyantare 2024**

Digitally signed by BNR(GOVERNOR)

**RWANGOMBWA John**
**Guverineri wa Banki Nkuru y'u Rwanda**
**akaba n'umuyobozi wa Komite ishinzwe Politiki y'Ifaranga**